N°2134/16.03/RNRA/01

**IKIGO GISHINZWE UMUTUNGO KAMERE MU RWANDA**
**ISHAMI RY'UBUTAKA NO GUTUNGANYA AMAKARITA**
**P.O Box: 433 KIGALI**

Received on 29/5/2014

**Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga**
**Tel. 255117692/0788485312**
**P.O.Box 3975 KIGALI**

**Impamvu:** Ikibazo cy'ifatira ry'imitungo itimukanwa mu gihe harangizwa imanza zaciwe n'Inkiko

**Bwana,**

Mpereye Ku ibaruwa yanyu yo kuwa 23/04/2014 mwatwandikiye mutugezaho ikibazo Abahesha b'Inkiko b'umwuga bari guhura nacyo kijyanye n'ifatira ry'imitungo itimukanwa mu gihe barangiza imanza zaciwe n'inkiko , aho bakora inyandiko zifatira imitungo itimukanwa zikabanza kunyura mu biro by'ubutaka mu Turere;

Nshingiye ku ngingo ya 286 y'Itegeko N° 21/2012 ryo kuwa 22/03/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko: "**ifatira ry'ibintu bitimikanwa bikorerwa mu maboko y'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka iyo uburenganzira ku bitimukanwa byanditse mu bitabo by'ubutaka. Umuhesha w'Inkiko, abisabwe n'uberewemo umwenda ushaka gufatira ikintu kitimukanwa yaka mu nyandiko Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka kopi ivuye mu gitabo cyandikwamo ubutaka".**

Tumaze gusesengura imiterere y'ikibazo n'uko amategeko abiteganya, mbandikiye mbamenyesha ko ubusabe ku ifatira ry'imitungo itimukanwa mu gihe barangiza imanza zaciwe n'inkiko bushyikirizwa Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka wo mu ifasi iyo mitungo iherereyemo. Nyuma y'iminsi itatu y'ubusabe, Umuhesha w'Inkiko akaza gufata kopi y'ubusabe yashyizweho Umukono n'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka.